« Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari kandi ni ko azahora iteka ryose » (Abah. 13 :8)

Urwandiko Mbwirwabenshi, Werurwe 2013

Itoranywa – Kugenwa

Ndabasuhuza mwese n'iri Jambo ry'UKU NIKO UWITEKA AVUZE ryo muri Yesaya 46 :10 : « Mvuga mbere na mbere ibigomba kuba, kera cyane nkavuga ibitaraba ; Ndavuze nti : amateka yanjye azahoraho, kandi nzasohoza ubushake bwanjye bwose. »

Imana yateguye umugambi wayo w'agakiza isi itararemwa, bishaka kuvuga ko icyo gihe yafashe ibyemezo bijyanye no gusohoza umugambi wayo wo gucungura. Amateka y'agakiza asohorera mu mateka rusange y'abari mu isi, niyo mpamvu ari ikintu cy'ingenzi cyane ku bwacu kumenya umugambi Imana idufiteho ndetse no kwemera ko twinjizwa muri uwo mugambi.

Umwuka Wera umaze kumanuka, intumwa Petero yasobanuye mu kibwirizwa cye cya mbere ko ibyabaye byose kuri Yesu byari mu bushake bw'Imana no mu mugambi wayo wo gucungura. Ku bijyanye n'Umucunguzi aragira ati :

"… *uwo mugabo, wagambaniwe nkuko byari byaragambiriwe kandi kimwe n'uko Imana yari yarabimenye kera, mwaramubambye, mumwicisha amaboko y'abagome (Yohana 19:16-37). Imana yaramuzuye, imubohora ingoyi z'urupfu, kuko bitashobokaga ko rumuherana…" (Ibyakozwe 2:23-37; Zaburi 16: 8-11).*

Mu kibwirizwa cye cya kabiri, Petero arerekana ko Imana yari yaramenyekanishije ubushake bwayo bitaraba : « *Ariko, uko niko Imana yasohoje ibyo yari yaravugiye mu kanwa k'abahanuzi bayo, ko kristo wayo yagombaga kubabazwa* » (Ibyakozwe 3 :18 ; Zaburi 22 ; Yesaya 53).

Uhereye ku kibwirizwa cye cya gatatu, intumwe Petero yavuze ku ngingo yo kugenwa : « *Ariko, umugaragu wawe wera Yesu, uwo wasize, Herode na Ponsi Pirato bashyize hamwe muri uyu mudugudu hamwe n'amahanga n'imiryango y'Isirayeli, kugira ngo basohoze ibyo ikiganza cyawe n'inama yawe byagambiriye bitaraba* » (Ibyakozwe 4 :27-28).

Ntabwo byari abayahudi bonyine, ubwoko bwatoranijwe n'Imana, bashyizwe mu mugambi w'Imana w'agakiza, ahumbwo n'abizera bo mu mahanga. Itoranywa no kugenwa n'Imana birenze kure cyane ibyo twe nk'abantu twatekereza.

« A*ravuga ati : ntibihagije ko uba umugaragu wanjye kugira ngo uhagurutse imiryango ya Yakobo kandi ugarure abasigaye b'Isirayeli : ngushyiriyeho kuba umucyo w'amahanga, kugira ngo ugeze agakiza kanjye ku mpera z 'isi* » (Yesaya 49 :6).

Pawulo yahuje isezerano no kwizera : « *Kandi ibyanditswe, byamenye bitaraba yuko Imana izatsindishiriza abanyamahanga kubwo kwizera, bimenyesha Aburahamu iyi nkuru nziza bitaraba ngo : muri wowe ni mo amahanga yose azaherwa umugisha* ! » (Abagalati. :3 :8 ; Itangiriro. 18 :18).

« … *Ibyo ni ukuvuga yuko abana b'umubiri atari bo bana b'Imana, ahubwo abana b'isezerano ni bo bemerwa ko ari urubyaro rwayo* » (Abaroma. 9 :8) « *Nuko rero, bene Data, namwe , muri abana b'isezerano nk'uko Isaka yari ari* … » (Abagalatiya. 4 :28).

Ukwizera nyakuri ni ugushingiye mu masezerano y'Imana. Nk'uko Aburahamu yizeye ibyo Imana yamusezeranije bikager'aho abona gusohora kwabyo, uko niko n'intore z'imana zose zizera amasezerano y'Imana kugeza ubwo azisohoreyeho : « … *kugira ngo umugisha wa Aburahamu ushobore gusohorera ku banyamahanga muri Yesu Kristo, kugira ngo twakire kubwo kwizera Umwuka wasezeranijwe* » (Abagala. 3 :14). Abana b'Imana nyakuri bahabwa imigisha yuzuye y'amasezerano yose kubw'imbaraga z'Umwuka wera.

Nk'uko ari ukuri ko Jambo yagaragaye yambaye umubiri agafata ishusho y'Umwana w'Imana (Yohana 1), ni nako ari ukuri ko buri Jambo ry'Imana ryabagenewe rizagaragarira mu bahungu n'abakobwa b'Imana bose. Muri we, amasezerano yose Imana yaduhaye ni "Yee kandi ni Amina". Imana iheshwa icyubahiro n'uko asohorera muri twe kandi ku bwacu (2 Abakorinto. 1:20)

Uhereye mbere na mbere, Imana yahaye umuntu uburenganzira bwo guhitamo, ku buryo buri muntu ashobora gufata icyemezo cyo kuba mu ruhande rwe cyangwa kumurwanya. Ariko kubera ko yari izi neza uzemera umurimo wayo w'ubuntu uwo ari we, yashoboye kwandika amazina yabo mu gitabo cy'ubugingo cy'umwana w'intama watambwe isi itararemwa (Ibyahishuwe. 13 :8 ; 17 :8 ; 21 :27).

« *Muri we, Imana yadutoranije isi itararemwa, kugira ngo tube abera kandi tuzira umugayo imbere yayo. Kuko yagambiriye kera ku bw'urukundo rwayo ko duhinduka*

abana bayo, tubiheshejwe na Yesu Kristo, ku bw'ineza y'ubushake bwayo »
(Abefeso. 1 :4-5).

Kandi ngo : « *atumenyesheje ubwiru bw'ubushake bwe, bihuje n'umugambi mwiza yagambiriye muri we* » (umurongo wa 9). Amina !

Intumwa Pawulo yakomeje ubutitsa kugaruka ku kuri kw'itoranywa n'igenwa. Yaranditse ati : « *kuko abo yamenye kera, yabageneye kera kuzasa n'ishusho y'Umwana wayo, kugira ngo Umwana wayo abe impfura muri bene se benshi. Kandi abo yagenye kera, yarabahamagaye ; kandi abo yahamagaye, yarabatsindishirije ; kandi abo yatsindishirije yabahaye ubwiza* » (Abaroma 8 :29-30).
Ibi ni byo intore zagenewe. Mbere y'uko habaho isi, paradizo, kugwa kw'abana b'abantu, ndetse mbere y'uko igihe gitangira, Imana yo yari yaramaze kugena intore, yari yarabatoranije, irabatandukanya, irabiyegurira kandi ibereza muri Yesu Kristo. "*kandi niyeza ubwanjye ku bwabo kugira ngo nabo bezwe n'ukuri*" (Yohana. 17 ;19).
Ukumeza gusoma hirya, mu gice cya 17 cya Yohana uhereye ku murongo wa 20, arushaho kwinjizwa byimbitse mu mugambi w'Imana w'agakiza. « …*Jyewe mbe muri bo, nawe ube muri jye, - kugirango babe umwe by'ukuri, kandi ab'isi bamenye ko ari wowe wantumye, kandi ko wabakunze nk'uko wankunze* » (umurongo wa 23).
« *Njye muri bo*… » ibi ni ugusohora kw'ubwiru bw'Imana mu ntore no mu bagenwe. *Dufite byose mu wagize ati: "… kuko wankunze isi itararemwa*" (Yohana. 7:24).
Umucunguzi n'abacunguwe bakunzwe, banagenwa isi itarashyirwaho urufatiro. « …*kandi aba bamenye ko ari wowe wantumye. Nabamenyesheje Izina ryawe, kandi nzaribamenyesha, kugira ngo urukundo wankunze rube muri bo, nanjye mbe muri bo* » (imirongo 25-26). Amina. Kugira ngo agere ku ngingo nyamukuru, Pawulo yanditse mu Befeso 3 :1-12 ibikurikira :
« ubwo bwiru nabumenye mbuhishuriwe… nk'uko muri iki gihe intumwa ze zera n'abahanuzi ba Kristo babuhishuriwe n'Umwuka. Ubwo bwiru ni uko abanyamahanga ari abaraganwa natwe, kandi bakaba ingingo z'umubiri umwe natwe, abaheshejwe n'ubutumwa bwiza kuzagabana natwe muri Yesu Kristo ibyasezeranijwe… kugira ngo muri iki gihe abatware n'abafite ubushobozi bwo mu

ijuru mu buryo bw'umwuka bamenye uyu munsi kubw'Itorero ubwenge bunyuranye butagira akagero bw'Imana… »

Kwemera no Kwanga

Mu baroma ibice bya 9, 10 na 11, Pawulo yerekana y'uko Isirayeri, ubwoko bwatoranijwe, bwanze ibyo Imana yari yarasezeranije, kandi ku bijyanye n'abanyamahanga aravuga ati: "*Yesaya yarushijeho kugira ubushizi bw'amanga kugeza aho agira ati: nabonywe n'abataranshakaga, niyereka abatarambazaga. Ariko Kuri Isirayeli iravuga iti: nategeye amaboko umunsi wose ubwoko bw'ibigande kandi bumvuguruza*" (Abaroma 10: 20-21; Abalewi26; Ezekiyeri. 20).

Isirayeli yakomeje kujya impaka, kandi nk'ihanga itera Imana umugongo, iguma mu kutizera no mu kutumvira. Hanyuma intumwa irakomeza iti : « *Icyo mvuga ni iki, ese Imana yataye ubwoko bwayo ? ntibikabeho ! kuko nanjye nd'Umwisirayeli, wo mu rubyaro rw'Aburahamu, mu mu muryango wa Benyamini. Ntabwo Imana yataye ubwoko bwayo yamenye kera* » (Abaro 11 :1-2).

Ntabwo Imana yataye ubwoko bwayo, n'ubwo ubwoko bwayo bwayitaye. Ni koko yaje mu be, abe ntibamwakira. Ububasha bwo kuba abana b'Imana bwahawe gusa abamwakiriye bakizera izina rye. (Yoh. 1:11-12). Kugeza uyu munsi, igitwikirizo kiracyari ku mitima yabo kuko gikurwaho gusa no guhishurirwa Yesu Kristo. (2 Abakor. 3:12-18)

Tugeze ubu ku iherezo ry'igihe cy'ubuntu, kandi nk'uko byabaye kuri Isirayeli mu minsi ya kera, niko biri na none ku Itorero rigizwe n'abavuye mu banyamahanga : « *kuko ubu butumwa bwiza bwatubwirijwe kimwe nabo ; ariko ajambo ryababwirijwe ntiryasanga kwizera mu mitima y'abaryumvise* » (Abaheburayo. 4 :2). Gutoranywa kugomba kwemerwa no kugenderwamo na buri muntu ku giti cye. Ukwizera nyakuri gushora imizi mu masezerano y'Imana, kandi ukwizera nyakuri niko kwonyine gutuma ibyasezeranijwe bisohora. Ikiriho ubu ni uko uwizera wese akwiye kwiyoroshya akemera kwinjizwa mu mugambi yagenewe kera.

Ukwizera kugomba gukurikirwa no kwumvira ; nibyo tubona nko kuri Aburahamu, ubwo yasabwaga gutamba Isaka (Yakobo 2 :21-26 ; Itangiriro 22). Ntakintu na kimwe Aburahamu yakoze ku bushake bwe – ahubwo yarumviye, akora ibyo Uwiteka yamutegetse. Uko niko kwizera kwahamirijwe n'umirimo wakozwe. Uko ni nako

bigomba kumera ku bwoko bwayo bwatoranijwe kimwe n'Itorero ! ukwizera kutagira imirimo iguherekeje kuba gupfuye, aba ari amagambo yo ku munwa gusa.

Intumwa Petero irasobanura : « *kuko ibyanditswe bivuga ngo : dore nshyize muri Siyoni ibuye rikomeza impfuruka, ryatoranijwe kandi ry'igiciro ; uryizera ntabwo azakorwa n'isoni* » (1Petero 2 :6 ; Zaburi 118 :22)

Birahebuje : abadashyira ibyiringiro byabo muri bo ubwabo cyangwa mu muntu, ahubwo bakabishyira muri we, Buye ry'igiciro rikomeza impfuruka, bazubakwa hamwe nk'amabuye mazima kandi ntibazigera bakorwa n'isoni na rimwe : « … *kandi namwe ubwanyu nk'amabuye mazima, mwubakwe kugira ngo mube inzu y'umwuka, ubutambyi bwera, kugira ngo mubone uko mutamba ibitambo by'umwuka, bishimisha Imana kubwa Yesu Kristo* » (umurongo wa 5) – kandi inzu yayo, ni twe – ari nayo nkingi n'urufatiro by'ukuri (1 Tim. 3 :15 ; Abah. 3 :6).*« nuko rero icyubahiro ni icyanyu mwe mwizera. Ariko ku batizera, ibuye ryajugunywe n'abubatsi ryahindutse iryo gukomeza impfuruka, n'ibuye risitaza, n'urutare rugusha; Barisitaraho kubera ko batizeye Ijambo, kandi nicyo bagenewe*" (1 Petero 2:7-8; Yesaya 28:16).Hano turerekwa neza itandukaniro hagati y'abizera nyakuri, bashyira ibyiringiro byabo mu Mwami, n'abo mu bwoko bwe batizera bihwanye n'Ibyanditswe. Ubwo Umwami yazaga bwa mbere, abubakaga mu buryo bw'umwuka bajugunye ibuye rikomeza impfuruka ; na none ubu barajugunya ibuye ry'agasongero (Zakariya. 4 :7 ; Ibyakozwe 4 :11).

Umwami n'Umucunguzi wacu niwe wa Mbere n'Uwiherezo, ni Alufa na Omega, Buye rikomeza impfuruka n'Ibuye ry'agasongero. Kugira ngo buri muntu yisuzume maze arebe niba abarirwa mu bizera nyakuri, mu ntore, abagenwe kera, cyangwa se mu basitara ku Ijambo Imana yasezeranije mu gihe cyacu, birakenewe kongera gusoma umurongo w'ibyanditswe ujyanye nabyo : « … *basitara ku Ijambo, batumvira, kuko aribyo bagenewe* »(1Petero 2 :8 – Darby). Ibyo birababaje ariko niko biri. Ikivugwaho hano ni Ijambo ryasezeranijwe ryo mu gihe cyacu, n'umurimo Imana irimo gukora muri iki gihe cyacu. Utabyemera kandi ntabyizere, nuko yagenewe kuguma mu kutumvira no kutizera, kugwa no gucirwaho iteka. Kuri bamwe, ni Igitare cy'agakiza, ku bandi ni urutare rugusha. Abatizera Imana bayisitaraho mu kutumvira Ijambo. Kandi igitangaje, n'uko hano havugwa abagenwe. Igihe cyose igihe cyo gusohoza amasezerano cyageraga, intore zose zarizeye, zimenya igihe n'isaha, bityo zigira

umugabane mu murimo Imana yakoze mu gihe cyazo. Abo nibo babwirwa iri jambo ngo: "*mwebwe ho, muri ubwoko bwatoranijwe, ubutambyi bw'ubwami, ihanga ryera, ubwoko yironkeye, kugira ngo mumenyekanishe imbaraga z'uwabahamagaye akabavana mu mwijima akabazana mu mucyo we utangaje, mwebwe mutari ubwoko kera none mukaba mwarabaye ubwoko bw'Imana, mwe mutari mwakababarirwa none mukaba mwarababariwe* » (1 Petero 2 :9-10). Pawulo wari ufite inshingano itaziguye kubera ukuntu Imana yamuhamagaye, arabivuga atya : « *Pawulo imbata y'Imana n'intumwa yaYesu Kristo, mbiherewe kwizera kw'intore z'Imana no kuzimenyesha ubwenge bw'ukuri gushingiye ku kubaha Imana*…) (Tito 1 :1).

Intumwa irerekana ukuntu ari ngombwa cyane kwizera ukuri hamwe n'ingaruka zo kutizera ukuri : « …*hamwe n'ubushukanyi bwose bwo gukiranirwa kubw'abarimbuka kuko banze gukunda ukuri kugira ngo bakizwe. Nicyo gituma Imana ibohereza imbaraga z'ubuyobe kugira ngo bizere ikinyoma*… » (2 Abates. 2 : 10-11).

Gukunda Ijambo bitangwa n'Imana nicyo gisabwa kugira ngo Imana iriguhishurire kandi urindwe ikinyoma cyose. Abwira abizera, intumwa yandika hirya ibyo nanjye nitirira abizera ubu by'ukuri : « ku bwanyu bene Data bakundwa b'Umwami, tugomba

Guhora tubashimira Imana ubutitsa, kubera ko Imana yabatoranirije mbere na mbere agakiza, kubwo kwezwa n'Umwuka no kwizera ukuri » (umurongo wa 13).

Mu rwandiko yandikiye Timoteyo, umugaragu w'Imana yanditse ati : *« ariko Umwuka yavuze yeruye ko mu minsi yanyuma bamwe bazata kwizera, kugira ngo bihambire ku myuka y'ubushukanyi n'inyigisho z'amadayimoni… »* (1 Tim. 4 :1).

Twamaze kugera koko mu gihe cya nyuma kandi turabona iri Jambo ririmo gusohora. Nk'uko ari ukuri ko buri nyigisho y'ukuri ikomoka ku Mana, ni nako ari ukuri ko buri nyigisho y'ikinyoma ikomoka ku myuka y'ubushukanyi, ku madayimoni. Umwuka w'ukuri niwo wonyinye uyobora mu kuri kose (Yoh.16 :13). Kandi « … *abayoborwa n'Umwuka w'Imana nibo bana b'Imana* » (Abaroma. 8 :14). Hanyuma yereka mugenzi we mu murimo – uyu munsi ni twe twese tubwirwa –ibisabwa kugira ngo umuntu abe « *igisonga cyiza cya Yesu Kristo, cyagaburiwe amagambo yo kwizera n'inyigisho fatizo nziza wakurikije udaca ku ruhande* » (1 Tim. 4 :6b ; Yes. 28 :17)

Intumwa yongeye kumuhugura iti : « *wirinde ku bwawe urinde n'inyigisho yawe, wihangane muri byo, kuko nugenza utyo uzikiza ubwawe ugakiza n'abakwumva* » (umurogo wa 16). Amina.

« *Ibyo aribyo wigisha kandi ubitoze n'abandi. Umuntu niyigisha inyigisho z'ibinyoma, ntakomeze amagambo mazima y'Umwami wacu Yesu Kristo no ku nyigisho ishingiye ku kubaha Imana, azaba yuzuwemo n'ubwibone ntacyo azi…* » (1 Tim. 6 :2-4).

Umwana w'umuntu yaravuze ati: « *inyigisho yanjye s'iyanjye ahubwo n'iy'uwantumye. Ushaka gusohoza ubushake bwe, azamenya niba inyigisho yanjye iva ku Mana , cyangwa niba mvuga ibyo nishakiye* » (Yoh. 7 :16-17). Buri muntu wese watumwe n'Imana by'ukuri ashobora nawe kuvuga atyo. Icya mbere tugomba kwitegura gusohoza ubushake bw'Imana, icyo gihe nibwo tuzabuhishurirwa.

Umwami wazutse yarabanje amara iminsi 40 yigisha abigishwa be (Ibyak. 1 :1-5) nuko abona kubategeka ati « … *nuko mu bigishe gukurikiza ibyo nabigishije byose* » (Mat. 28 :20). Inyigisho y'intumwa yanditse muri Bibiliya ni inyigisho ya Kristo. Niyo yonyine ifite agaciro kuzageza ku iherezo nk'inyigisho nyakuri. (Ibyak. 2 :42).

Kandi dukwiye kwita kubyo intumwa Yohana yavuze: "…*kuko nta kinyoma kiva mu kuri* » (1Yoh. 2 :21). Ku bijyanye n'abizera nyakuri dusoma ibikurikira : « … *kubera ukuri kuba muri twe, kandi kuzabana natwe kugeza iteka ryose* ! » (2Yoh. 1 :2). Turagira tuti « Amina » kur'ibyo !Pawulo yongeye kuvuga muri 2Timoteyo 3, ku bizaba mu minsi ya nyuma: « *nkuko Yane na Yambure barwanije Mose, niko n'abo bagabo barwanya ukuri, kubera ko imyumvire yabo yononekaye, bakaba barahinyuwe ku byerekeye kwizera* » (2Tim. 3 :8). Kandi koko, igihe cyose barwanya uwo Imana yahamagaye kugira ngo abwirize ukuri kwose, kujyanye n'umugambi w'agakiza. Ni abantu bononekaye ubwenge/imyumvire. Icyo tugomba kwongeraho n'uko buri nyigisho y'ukuri iba irimo ubwenge naho buri nyigisho y'ibinyoma ikaba ari iby'ubupfu gusa.

Tubwirwa mu gitabo cyo Kubara 16 ko mu gihe cya Mose ari mu muryango wa Lewi Imana yatoranije kugirango aba ariwo ukora imirimo yo mu rusengero, hakomotse Kora wigometse kuri Mose. Uwo mu Lewi yaremeye aganzwa n'ishyari nuko arebana agasuzuguro Mose, umugabo wahamagawe n'Imana, avuga ko ashaka kwigira igitangaza. Nuko aherako yiteranirizaho umutwe w'abantu. Nibwo Imana yahereyeko

imuciraho iteka kuberako yasuzuguye ubukozi budasanzwe bwa Mose, imurimburana n'abari bamuteraniyeho bose.

Ni ku bw'iyihe mpamvu uru rugero rwabashije gushyirwa mu nyandiko ? Ni ukugira ngo rutuburire (2Timoteyo 3 : 16)

Ntabwo ari abahanuzi b'ibinyoma cyangwa absizwe b'ibinyoma, baboneka hose bagirira nabi abizera ubutumwa bw'igihe cya nyuma, ahubwo ni ukubera yuko « *hazahaguruka hagati yanyu abagabo bazigisha ibintu by'inzaduka kugira ngo bikururireho abigishwa* » (Ibyak. 20 :30)

Bigamba ko bahamagawe n'ubukozi bw'intumwa y'igisekuru, ariko nyuma gato bahinduka ibyigenge, nka Kora na Datani, bakiremera amateraniro abari inyuma, yizera inyigisho/guhishurirwa kwabo kw'inzaduka. Urwandiko rwa Yuda rubavugaho ngo : « … *ni abatera ibice hagati yanyu…* » mu by'ukuri, akamaro k'ubukozi bwose bwashyizweho n'Imana ni ukwubaka Itorero (Abef.4 :11-16).

Koko, iyaba byashobokaga, intore nazo zakayobejwe n'iyo migani ibwirizwa mu buryo bw'ubwenge. Ariko Imana ishimwe kuko ibyo bidashoboka. Intore zimenya ubushukanyi bwa kidini, zikigumira mu Ijambo no mu Itorero.

Kimwe no mu minsi ya Eliya ubwo ibihumbi birindwi bitapfukamiye Bayali, niko umugaragu w'Imana yavuze mu Baroma 11 :5 : « *ni cyo kimwe muri iki gihe, hariho bake basigaye kubw'itoranywa ry'ubuntu* » Amina.

Intore zonyine nizo zigize Umugeni w'Umwana w'Intama, uzazamurwa akajyanwa mu bwiza ubwo Kristo azagaruka. Abari b'abanyabwenge nibo bazasangwa biteguye maze binjire mu birori by'ubukwe (Mat. 25 :10 ; Ibyah. 19 :7) : Abo nibo babwirwa aya magambo y'umugisha ngo : « *amaso yanyu arahirwa kuko abona, n'amatwi yanyu kuko yumva !* » (Mat. 13 :16). Amaso yabo arabona, amatwi yabo arumva, imitima yabo irizera ; bamenya umunsi Imana y'urukundo yabagendereyeho. Amagambo y'umugisha yose uko ari icyenda nibo avugwaho.

Bafite imitima iboneye kandi bazabona Imana (Mat. 3-12). Nk'intore, baguma mu Ijambo kandi nta nsobanuro bwite n'imwe bashobora kwemera; baguma mu buntu no mu rukundo; bagendera mu nzira z'Imana; bumvira gusa icyo Umwuka w'Imana abwira Itorero binyuze mu Ijambo ry'Imana.

Ikigereranyo cya ngombwa

Ese byagenze bite ubwo Kristo yazaga bwa mbere, kandi ubu agiye kugaruka ese n'ibiki birimo kuba ? Yohana yaragaragaye azanywe no guhamiriza umucyo kugira ngo bose bagere ku kwizera nyakuri kubwe (Yoh. 1 :7). Nk'uko ubuhanuzi bwa Yesaya 40 :3 na Maraki 3 :1 bwasohoreye mu bukozi bwa Yohana Mubatiza, ubutumwa bwe bukavugana n'imitima ya ba se bari bakiri mu myizerere yo mu Isezerano rya kera, bityo bugategurira Umwami imitima yiteguye kumwakira (Luka 1 :16-17), uko niko na none imitima y'abana b'Imana irimo kugarurwa ku nyigisho z'intumwa no ku kwizera kwa ba data intumwa. Ubu butumwa bwa nyuma nibwo buzategurira Umwami imitima iboneye yiteguye kumwakira.

Muri 1 Abakorinto 10, Pawulo aturondorera ibyo gusohoka kw'ubwoko bwe bw'Isirayeli. Bose bari munsi y'igicu, bose banyuze mu nyanja itukura, bose babatirijwe muri Mose, bose bariye manu, bose banyoye amazi y'urutare rw'Umwuka kandi urwo Rutare rwari Kristo (imirongo 1-4).

Ni byo, nyamara hakurikiraho urubanza ruteye ubwoba ngo: « *ariko benshi muribo ntabwo bashimishije Imana, kuko bapfiriye mu butayu* » (umurongo wa 5). Umurongo wa 11 nitwe ubwirwa : « *ibyo byababereyeho kugirango bitubere akabarore, kandi byandikiwe kugirango bitwigishe, twebwe abageze ku iherezo ry'ibihe.* »Twe abageze ku iherezo ry'ibihe, nitwe uru rugero rusa n'uruvuga ibizaba rwandikiwe. Ntibihagije kuvuga iby'umuhanuzi, iby'umuhamagaro wo gusohoka, iby'umubatizo, iby'inkingi y'umuriro n'ibyo Imana yakoze, ahubwo dukwiye kwibaza icyo Imana yakoze muri twe kandi niba koko dushimisha Imana.

Mu bihe bya kera, benshi bo mu bwoko bwe bwatoranijwe bw'Isirayeli ntibashimishije Imana. Ariko icyo nicyo cya ngombwa, nk'uko urugero rwa Enoki rubyerekana, mbere y'uko azamurwa yahamirijwe ko yashimishaga Imana (Ababeburayo.11 :5-6).

Niyo mpamvu ari ngombwa ko tumenya inzira Imana irimo gucishamo Itorero ryayo ubungubu. Ibyo nibyo bizatuma abazazamurwa bose bashimisha Imana. Bahuje muri byose n'Imana, n'Ijambo ryayo, n'umutima wabo wose ; ari nabyo bituma bagendera mu bushake bwayo muri iki cyiciro gikomeye cy'isozwa ry'amateka y'agakiza.

Ku bijyanye n'ubwoko bwe bwatoranijwe bwabonye imirimo ye y'imbaraga kumara imyaka mirongo ine ariko ntibwizere, Uwiteka yagombye kuvuga ati : « *nuko nanjye narakariye icyo gisekuruza ndavuga nti : bafite umutima uhora uyoba. Ntabwo*

bamenye inzira zanjye » (Abaheburayo. 3 :10). Ese twamenye inzira z'Umwami hamwe n'Itorero rye mur'iki gisekuruza cyacu ? Cyangwa dufite imitima iyoba kuko ikurikira inzira zacu bwite ? Kur'iyo ngingo ni ngombwa gusoma 2 Abakorinto 11:1-6. Pawulo umugabo wahamagawe n'Imana yari yuzuye ifuhe ryo mu buryo bw'Imana, kuko yari yararambagirije abizera Umukwe umwe, yifuza ko yazamurikira Kristo umwari utunganye. Nyamara yari afite ubwoba ko inzoka ishobora gushukisha uburiganya bwayo abizera b'indangare, ikabajyana kure ya Kristo ibakururira mu kibi. Yabigereranije n'uko byagendekeye Eva. Amaze gushukwa, ntabwo yari akiri isugi. Amaze gushukwa, yari afite imbuto y'inzoka muri we, nuko yishyira Adamu ; bityo abyara Kayini, arongera abyara Abeli (Itang.4). Hari imbuto ebyiri zinyuranye muri Eva, abana babiri biswe abavandimwe (Itang. 4 :8-10). Kayini yari mwene se w'ikinyoma, kuko atari umwana wa Adamu, kandi nta gisekuruza na kimwe wamusangamo. We yari umwana w'umubi (1Yohana. 3 :12). Inshuro nyinshi avuga ku bya Eva, mwene Data Branham yakunze kuvuga ko ijambo rimwe gusa inzoka yongeyeho, ryatumye ivuguruza ibyo Imana yari yavuze byose. Uko niko icyaha cy'inkomoko, kutizera ndetse n'ubushukanyi byagaragaye, ari byo byakurikiwe n'urupfu rwo mu mubiri n'urwo mu mwuka. Ni cyo cyatumye mwene Data Branham yarakunze kuvuga igihe cyose ko kutizera ari cyo cyaha cy'inkomoko kizana ibindi byaha byose no gukiranirwa kwose. Insobanuro bwite yose izana gushidikanya ku icyo Imana yavuze, ibyo bigatuma kwizera guhindurwa ubusa kugasimburwa no kutizera.

Ese ubwiru bwa Kristo n'ubw'Itorero-Mugeni ni ubuhe? Mariya yari yarasabwe na Yozefu ariko yari isugi. Yizeye isezerano aravuga ati: "*ndi umuja w'Umwami, bingirirwe uko uvuze*" (Luka 1:38). Imbuto y'Imana yari yamaze gushyirwa muri we mu buryo bw'indenga-kamere, nk'uko byari byarahanuwe muri Zaburi 22:10 : "*yego, wansohoye mu nda ya mama… " kandi ngo "Uri umwana wanjye, uyu munsi ndakubyaye*" (Zab. 2:7; 2Sam. 7:14). Uko ni ko ijambo ryo muri Yesaya 7:14 ryasohoye: "*Dore umwari azasama inda…* " (Darby), nuko jambo yambara umubiri, Umwana w'Imana aravuka (Mat. 1:18-25; Luk. 1:25-38). Uko niko Imbuto –Jambo, muri ryo harimo ingemwe y'ubugingo, ishyirwa mu nda y'itorero rikiri isugi nk'Ijambo ry'isezerano, ari ryo rizakomokwamo umukumbi w'abazanesha bazaba barageze ku rugero rw'umuntu ushyitse (Abef. 4:13)

Ubu birakenewe cyane gukomeza kwerekana ko, muri iki gihe gisoza igihe cy'ubuntu, kurusha mu bindi bihe byose byatubanjirije, ikiriho ari ukubwiriza ukuri kw'ubutumwa bw'Imana bwa nyuma : aribwo Jambo ry'isezerano Imana ihora ibereye maso kandi izisohoreza ubwayo mu bana b'isezerano.

Ese mbere yo kugaruka kwa Kristo ni iki kirimo kuba?

Muri Yohana 14, tuhasanga isezerano nyamukuru ry'Umwami wacu mukundwa: « *Ngiye kubategurira ahanyu… nzagaruka, maze mbajyane…* »

Ariko mbere y'ibyo, hagombaga gusohora icyo yari yaravuze mbere : « *Ni koko, Eliya agomba kubanza kuza agatunganya byose !* » (Mat.17 :11). Isezerano ko umuhanuzi umeze nka Eliya yagombaga kuza mbere y'uko umunsi w'Umwami uza, risangwa muri Maraki 3 : 23-24). Iryo sezerano ryasohoye mu gihe cyacu. Nuko rero nk'uko Eliya yafashe amabuye cumi n'abiri akubaka igicaniro cy'Uwiteka maze agahamagarira ubwoko b'Isirayeli gufata icyemezo, niko byabaye mu gihe cyacu mu bukozi bwa mwene Data Branham, washubije inyigisho z'intumwa cumi n'ebyiri ku gitereko cy'amatabaza. Nuko Eliya arasenga ati : « *Nsubiza Uwiteka, nsubiza, kugira ngo ubu bwoko bumenye ko Uwiteka ari wowe Mana, kandi ko ari wowe ugaruye imitima yabo* ! » (1Abami 18 :37). Natwe, Umwami ubwe niwe wagaruye imitima yacu !

Byanditswe ku mucunguzi wacu ngo : « *… uwo ijuru rigomba kugumana kugeza igihe cyo gutunganya byose, nk'uko Imana yabivugiye kera mu kanwa k'abahanuzi bayo bera* » (Ibyak. 3 :21). Ubu turi mu gihe cyo guhamagarirwa gusohoka, cyo gushumbushwa no gusubiza Itorero uko ryahoze mu itangiriro, nk'uko Imana yabivuze. Urufatiro rw'inkomoko rwamaze gushyirwaho : ubutumwa bw'Imana butunganye rwose bw'Ubutumwabwiza bw'iteka burabwirizwa (Mat. 24 : 14 ; Ibyah. 14 :6).

Ubwo Kristo yazaga ubwa mbere, ibintu by'indenga-kamere byarabaye ku isi : marayika yashoboye kuvuga ati : « *Ndi Gaburuyeli, mpagarara imbere y'Imana ; noherejwe kuvugana nawe…* », agenderera Zakariya mu rusengero amuha isezerano ryo kuvuka kwa Yohana-mubatiza (Luka 1 :11-25). Hanyuma yaho Malaika Gaburiyeli asura isugi Mariya amutangariza kuvuka kw'umucunguzi (Luk.1 : 26-38). Mu gihe cy'ubukozi bw'Umwami wacu, imirimo y'indenga-kamere yakorwaga

ubutitsa. Abizera bo mu itorero rya mbere nabo bagenderaga mu mirimo y'indenga-kamere y'Imana. Turibuka n'umuhamagaro w'indenga-kamare wa Pawulo (Ibyak. 9).

Mu mirongo itatu ya mbere yo mu gice cya mbere cyo mu Byahishuwe, dusoma ko Umwami yohereje marayika we, kugirango amenyeshe umugaragu we Yohana ibikwiriye kuzabaho vuba byose. Mu gice cya nyuma, ku murongo wa 16, Umwami wacu yongera kubihamiriza ati : « *Jyewe Yesu, nohereje marayika wanjye kubahamiriza ibyo byose mu matorero* ».

Tariki 7/5/1946, marayika yasanze mwene Data Branham aramubwira ati : « *Witinya !Nkoherejweho mvuye imbere y'Imana*… ». uko niko William Branham, nk'uko bizwi neza na bose bo mu butumwa bw'igihe cya nyuma, yahawe imbona nkubone ubukozi bwe, bwatumye imitima y'abana b'Imana isubira ku rufatiro rw'inkomoko, ku Ijambo, ku kwizera kwa ba data aribo ntumwa. Ni Ijambo ry'Umwami rihoraho iteka ryose, kandi nk'uko Petero abihamya, « *ryababwirijwe n'Ubutumwa bwiza* » (1Pet. 1 :25). Ubu turi mu gihe gikomeye kuruta ibindi bihe byose byo mu mateka y'agakiza.

Kera, ubutumwa bw'integuza bwari burimo isezerano ryihariye. Abizeye bose bakabatizwa bashoboye kumva Yohana-mubatiza avuga ati: *«We azababatirisha Umwuka wera n'umuriro »*(Mat.3 :11) – mwe abumvise ubutumwa, abo imitima yabo yamushyikirijwe, mwabatijwe, ni muri mwe azasohoreza isezerano Rye.

Mu Byakozwe 2, dusoma uko ryasohoye (imirongo 33-41). Ku munsi wa Pentekote, byabanje kuba kuri ba bandi 120 bari bateraniye mu cyumba cyo hejuru, bujujwe Umwuka wera. Hakurikiraho ikibwiriza cya Petero cyacumise abantu benshi mu mitima yabo, nuko barabaza bati: *«bagabo bene Data, tubigenze dute* ?» Nuko igisubizo kiraza, kandi kiracyafite agaciro kugeza kuri uyu munsi : « *Ni mwihane muhindukire, buri umwe muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo kugira go mubabarirwe ibyaha byanyu, nuko muzahabwa impano y'Umwuka wera* ».

Mu Byakozwe 2 :41 abantu ibihumbi bitatu bariyongereye, mu Byakozwe 4 :4 bari hafi ibihumbi bitanu. Ubukozi bw'integuza bweze imbuto zabwo, imitima myinshi yarateguwe, bari bategereje ; bizeraga isezerano ; barigizeho umugabane ubwo ryasohoraga. Ni nako none imitima y'abizera nyakuri igomba komatana n'Umwami kandi bose bari mu gutegereza gukomeye cyane kw'ibyo Imana izakora. Babatizwa

bihuje na Bibilia mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo, kandi bazagerwaho n'umurimo w'imbaraga w'Umwuka.

Tariki 11/6/1933, aya magambo yavuguye mu gicu ndenga-kamere abwirwa mwene Data Branham **: « Nkuko Yohana-mubatiza yoherejwe kugira ngo abe integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, ubutumwa uzahabwa nibwo buzaba integuza yo kuza kwa kabiri kwa Kristo ! »** Mwene Data Branham yakunze kugaruka kuri aya magambo kenshi mu bibwirizwa bye, ndetse anashimangira avuga ati **: « Ntabwo ari jye nteguza, ahubwo ubu butumwa nibwo buzaba integuza ! »**

Nkuko byanditswe muri Yesaya 55, ntabwo ari intumwa iba yarahawe Ijambo, ahubwo ni ubutumwa ubwabwo nibwo buzana ingaruka Imana iba yarabwohererereje : « *Uko niko Ijambo risohotse mu kanwa kanjye rimeze, ntabwo ringarukaho ubusa, ritabanje gusohoza ubushake bwanjye, no gukora ibyo nagambiriye*» (umurongo wa 11).

Nk'umuhamya wabyiboneye kandi wabyiyumviye kuko nari mu materaniro menshi ya mwene Data Branham ndetse ngirana nawe ubusabane bwihariye kumara imyaka icumi yose, nzi neza ibyo yabwiwe bijyanye n'ubutumwa yagombaga kuzana.

Nyamara hanyuma, haje gukwirakwizwa amagambo anyuranye n'ayo yabwiwe, muri yo bavanyemo ijambo « ubutumwa ».

Ibyaherutse vuba aha byo, bivuga ko ijwi ryaba ryaravuze ngo : « nk'uko Yohana-mubatiza yatumwe nk'integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, ni wowe uzazana kugaruka kwa kabiri kwa Kristo ! ». ibindi byavugwaga mbere byarimo ngo : «… woherejwe kugirango ube integuza yo kuza kwe kwa kabiri ». kongeraho ijambo rimwe cyangwa se kurikuraho, bihindura rwose ibyo Umwami yavuze (Ibyah. 22).

Impavu benedata bagoreka nkana amagambo mwene Data yabwiwe ahabwa umurimo irazwi neza : bashaka kumvikanisha ko byose byarangiranye n'ubukozi bwa mwene Data Branham. Hari n'abizera ko Umwami yaba yaramaze kuza ko arimo asaba gusubirana abe ; abandi bizera ko umuzamuko wamaze kuba ; abndi bizera ko Marayika w'isazerano yamaze kumanuka ku isi ashyira ikirenge kimwe ku butaka ikindi ku nyanja ; ko ibyanditswe mu Byahishuwe 10 byamaze gusohora ; ko intebe y'ubuntu yamaze guhinduka intebe y'urubanza ; ko inkuba ndwi ari abagabo barindwi badasanzwe ; n'ibindi byinshi nk'ibyo bizana urujijo.

Ntibashobora, nta n'ubwo bashaka kwemera ko mwene Data Branham, nk'uko Umwami yabimutegetse, yahunitse ibyokurya, akabishyira mu bitebo byateretswe m'utubati, nk'uko yabigereranirijwe abyeretswe, ariko ko atabigabuye nk'ibyokurya biteguwe neza ku meza. Nti bashobora, nta nubwo bashaka kwemera ko umuhanuzi yambwiye tariki 3/12/1962 ati : « utegereze wekugabura ibyokurya, kugeza ubwo uzahabwa ibisigaye… » Kandi ati : « Ibyokurwa biri mu bibwirizwa byashyizwe ku mfatamajwi… »

Mu myaka yashize, benedata umunane bo mu bihugu bine binyuranye, bagiye I Jefersonville kuvugana n'abahamya babiri bari bahari, ubwo mwene Data Branham yansubiriyemo abihishuriwe ibyo Umwami yambwiye tariki 2/4/1962. Imbere y'abashyitsi babiri, umuhamya nyamukuru ariwe mwene Data Sothmann wakomeje kuba ku ruhande rwa mwene Data Branham uhereye mu mwaka wa 1948, abasubiriramo ijambo ku rindi, ibyo umuhanuzi yavuze. Yashoboye kwibuka neza interuro yose : « utegereze kugabura ibyokurya, kugeza aho uhabwa n'ibisigaye ».

Ese ni ukubera iki abo bene Data bakwirakwiza inyigisho zabo bwite batabajije abo bahamya? Igisubizo kirazwi neza: baramutse babikoze, nta kuntu bakomeza kubeshyerana, bahatirwa kwemera ibyo Imana irimo gukora ubu binyuze mu butumwa.

Buri umwe agomba kwifatira icyemezo niba ashaka kwizera Imana n'Ijambo ry'Imana cyangwa insobanuro z'abantu. Cyangwa se icyo gihe niba ari ibyavuzwe koko ashaka kwizera cyangwa se uko ababigoreka babyisobanurira. Ibyo aribyo byose, umwari utunganye azamurikirwa Kristo, Umwami n'Umukiza wacu (2Abakor. 11) kandi abari b'abanyabwenge bazaba biteguye ubwo Umukwe azaza (Mat. 25 :10).

Nta gushidikanya ko gutegurwa kw'abari b'abanyabwenge gushamikiye ku bukozi mw'umugaragu wiringirwa kandi w'ubwenge n'abandi bagaragu b'abiringirwa bo muri Matayo 24 :45-47 (Bibilia ya Maritini), kuko haherako havugwa aya magambo mu gice gikurikira ngo : « *Nuko ubwami bwo mu ijuru buzaba busa n'abari cumi* ». ibi rwose birareba igihe cyacu. Inzara y'umwuka yahanuwe muri Amosi 8 :11 turayibona ko ihari, kandi ibyokurya Umwami yategetse ko bihunikwa birimo biragaburwa,

nk'uko Umwami yabintegetse tariki 2/4/1962. Nyuma yaho, yongeye kumbwira ati : « Mugaragu wanjye, nagushyiriyeho kugabura ibyokurya, bishingiye kuri Matayo 24 :45-47… ». Imana yo ikora ibyayo byose biri ku murongo kandi bihuje n'umugambi wayo. Ibyo yavuze icyo gihe na nubu biracyafite agaciro : « *uzabumvira nijye azaba yumviye, utazabumvira ni jye azaba yanze kwumvira*… » (Luka 10 :16).

Ikigereranyo gikomeye

Matayo 25 : 1-13 ivuga ko Ubwami bwo mu ijuru bumeze nk'abakobwa b'abari cumi, bitegurira kujya gusanganira Umukwe. Bose bumva ubutumwa kandi bafata amatabaza yabo. Ariko, bose barasinziriye. Tugomba kugereranya Matayo 25 :5 hamwe na Matayo 13 :25 : Aha imbuto nziza yabibwe n'Umwana w'umuntu hanyuma abantu barasinzira, umwanzi aboneraho araza abiba imbuto mbi.

Mwene Data Branham yayise « imbuto y'umuvurungano ». Mu mugani wo muri Matayo 25, abari bose barasinziriye kimwe, nanone umwanzi aboneraho kugira ngo abibe imbuto ye. Buri nsobanuro bwite ni imbuto y'inzaduka ibibwa n'umwanzi. Umucyo waraje mu gihe cya nimugoraba ; mu gicuku hagati, mu gihe cy'ububyutse, nibwo hazagaragazwa uwagendeye mu mucyo akagera ku ntego uwo ari we – nibwo hazamenyekana umunyabwenge uw'ari we n'umupfapfa uw'ari we.

Ibyo ntabwo biba mu gihe cya nimugoraba, mu gihe intumwa y'igisekuruza yagaragaye, ahubwo ni mu gicuku, igihe Umukwe aza. Nicyo gihe amavuta y'umwuka azashirana abari b'abapfu. Nibyo koko, baroherezwa kujya kuyashakira mu bayacuruza – atari k'ubatiza mu Mwuka wera n'umuriro ! Koko, abayacuruza bavuga cyane ibyo guhishurirwa n'Umwuka, nyamara ntabwo ubwabo bawufite.

Biragoye gusubira mubyo Umukwe yabwiye abari b'abapfu : « *Hanyuma, abandi bari baraza, baravuga bati : Mwami, Mwami, dukingurire. Ariko arabasubiza ati :Ndababwiza ukuri ko ntabazi !* » (Mat. 25 : 11-12). Iyo « Hanyuma » izaba ari « impita gihe ». Ntabwo ari ibibwirwa abatizera, ahubwo ni abizera. Abari bumvise umuhamagaro w'ububyutse mu gicuku hagati bagahaguruka bakajya gusanganira Umukwe, nibo bazagomba kumva ayo magambo ngo : « Simbazi !». Ese byabagendekeye bite ? Ese aho ntibyageze igihe bakarenga umurongo bigatuma babura umuyoboro ? Ese bemeye gushorwa mu bushukanyi no kuyobywa?

Mu rwandiko rwanyuma yandikiye amatorero, Umwami avuga ko ari ku rugi (Ibyah. 3 :20) : nihagira uwumva ijwi rye agakingura, azinjira iwe, asangire nawe. Ese abari b'abapfu ntabwo bumvise ubwo yakomanze bwa nyuma nuko ntibamukingurira ? Ku iherezo, nabo bisanga inyuma y'urugi rukinze. Yesu niwe muryango tugomba kwinjiramo. Niwe Mushumba mwiza kandi intama ze zumvira ijwi rye ryonyine. (Yoh. 10). Ese abari b'abapfu bumvise irihe jwi ? Ese aho ntibakurikiye ijwi ry'umunyamahanga wabazaniye inyigisho z'inzaduka ? Aya magambo « Simbazi » yabwiwe abari b'abapfu arenze ubwenge bwacu.

Abantu bose bo mu Itorero bakira imbuto z'inzaduka baranduye bituma batakibarirwa mu bari b'abanyabwenge ; barashutswe nka Eva. Pawulo yabivuze neza ko mu gihe cy'ubushukanyi / ubuyobe, Yesu wundi, ubutumwa bundi burabwirizwa, munsi yo gusigwa kw'uwundi mwuka. Abari b'abapfu bemera guhungabanywa n'imiyaga yose y'inyigisho, uko ni ko ibitekerezo byabo bikururirwa mu kibi (2Abakorinto 11 :1-6). Abanyabwenge bo bakomeza kuba abiringirwa kandi bakira muribo imbuto y'Ijambo gusa. Mu gihe bizeye gusa ibyo Ibyanditswe bivuga kandi nk'uko bibivuga, bibahesha guhora munsi yo gusigwa kw'Imana. Muribo, ukwizera kunesha isi kwaranesheje.

Turebe ukuntu ibyabwiwe abakoze ibitangaza nyamara ari abashukanyi, bisa n'ibyabwiwe abari b'abapfu : « *nuko nzababwira ku mugaragaro nti : ntabwo nigeze mbamenya, mumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe* » (Mat. 7 :23), hamwe na « *Hanyuma, abandi bari baraza, baravuga bati : Mwami, Mwami, dukingurire. Ariko arabasubiza ati :Ndababwiza ukuri ko ntabazi ! » (Mat. 25 :11-12).*

Nk'uko ari ukuri ko ijambo ryerekeye umugaragu wiringirwa ryasohoye, ni nako ijambo rireba umugaragu w'umugome wo muri Matayo 24 : 48-51 naryo risohora, kimwe n'ibyo Pawulo yavuze ari mu mwuka w'ubuhanuzi ati : « Hariho mu by'ukuri abantu benshi b'ibyigomeke, b'abanyamagambo masa kandi b'abashukanyi, bakwiriye kudodwa iminwa. Bahungabanya imiryango yose uko yakabaye, bigisha ibitagomba kwigishwa kubw'indamu iteye isoni » (Tit. 1 :11). No mu gihe cyacu, imbuto nziza niyo yabanje kubibwa ; hanyuma umwanzi araza abiba imbuto ye mbi muri wa murima umwe. Nyamara, nta na rimwe umuhanuzi w'ukuri yigeze aba uw'ikinyoma ; kimwe n'uko umugaragu w'umunyabwenge Umwami yitumiye ubwe adashobora guhinduka umugaragu w'umugome – ntibishoboka guhinduranya.

Umwana w'umuntu abiba imbuto nziza igihe cyose binyuze mubo yatumye, mu gihe umwanzi we abiba imbuto mbi.
Ibyo Umwami yavuze bizahora ari ukuri iteka ryose : « Umurima ni isi

Imbuto nziza ni abana b'ubwami ; urukungu ni abana ba wa mubi…» (Mat.13: 38-52).«N'ukuri n'ukuri ndababwira yuko, uwakiriye uwo natumye ni jye aba yakiriye, kandi unyakiriye aba yakiriye uwantumye…»(Yoh. 13 :20).

Ibinyujije mu nyigisho zayo, Imana iduha gukiranuka kwayo kugirango kutubere umurongo ngenderwaho, (Yes.28 :17 ;1Tim. 4 :6 ;Tito 2 :7). Ameza y'Umwami ategurwa ho ibyokurwa bitunganye gusa. Ubu bigaragarira bose, uwabonye umuyoboro akaba agendera mu maso h'Umwami Yesu arazwi; kimwe n'uwasigaye inyuma mu mateka, akaba akivuga gusa umuhanuzi n'ibyabereye mu bukozi bwe. Ibyagombaga kuba mu bukozi bw'umuhanuzi byarabaye kandi inama y'Imana yose yaratubwiwe.
Mwene Data Branham yavuze kuri buri ngingo ya bibilia kandi kimwe na Pawulo, yeretse abagore, abagabo n'abandi bose umwanya wa buri muntu, yavuze ibyerekeye gahunda mw'itorero, iby'abakozi, kandi nk'uko yabitegetswe n'Umwami, yasobanuye iby'ingingo ikomeye yo « gushaka, gutandukana no kongera gushaka ». kubw'ubuntu bw'Imana, ibyo mwene Data Branham yigishije byose bishobora gushyirwa mu mwanya wabyo muri Bibilia. Mu mateka ya Bibilia, ntabwo icyitaweho cyari imyirondoro y'ubuzima bwa Mose, Eliya, cyangwa Yohana-mubatiza, yangwa Petero na Pawulo, nta n'icyo tubiziho. Noneho n'uyu munsi, ntabwo icya ngombwa ari amateka y'ubuzima bwa mwene Data Branham, ahubwo ni amateka y'agakiza, Imana irimo gusoza ubu.
Twamaganira kure ikintu cyose gishaka gushyira hejuru umuntu n'ikintu cyose gisa no gusenga ibishushanyo. Utazi ko Imana nta narimwe izigera isangira icyubahiro cyayo n'umuntu uwo ariwe wese, niwe wenyine uzaha agaciro ibintu bwite byahoze ari iby'umuhanuzi cyangwa imva ye. Twebweho, ntabwo tubwiriza umuhanuzi, ahubwo tubwiriza ibyo yahishuriwe n'Umwuka. - Tubwiriza Yesu Kristo udahinduka, uko yari ejo n'ubu niko ari kandi niko azahora iteka ryose. Uwo Imana yatoranije koko ahora imbere yayo. Intore zose zifite umugabane ku bukozi bw'umuhanuzi kubwo kumenya ibyo Imana yakoze n'ibyo igikora uyu munsi nyuma y'urupfu rwe.

Ubu igikwiye kwibandwaho ni icyo Umwami ubwe yageneye kera iki gihe cyacu. Kur'ibyo dushobora kuvugana ishimwe ryinshi tuti « Amina ! »

Satani, umurezi wa bene Data, akoresha abantu babi bari munsi y'ububasha bwe kugira ngo ahindure ubusa imbaraga z'umukozi wa Kristo ziri mu bibwirizwa by'Ijambo ry'Imana abwiriza. Amaherezo, umurezi azajugunywa hanze ubwo umwana w'umuhungu azazamurwa, niwe uzaragiza amahanga yose inkoni y'icyuma nyuma y'ibirori by'ubukwe (Ibyah. 12 :1-12). Iri ni rimwe mu masezerano yahawe abazanesha (Ibyah. 2 :26-29). Icyo gihe nibwo ubukozi bwa Yesu Kristo nk'umurengezi buzarangira (1Yoh. 2 :1-2). Imana yaduhereye muri Kristo guhongererwa gutunganye rwose, gutsindishirizwa kwuzuye kubw'amaraso y'umwana w'intama w'Imana. Nta rwango rushobora kurangwa hagati y'intore z'Imana.

Nta ntore n'imwe izigera itoteza cyangwa ngo irege undi muntu. Uwo ni umurage w'urubyaro rw'inzoka, Kayini, wagerageje kwigana urukundo, ariko akemera gutwarwa n'ishyari kuko Imana ititaye ku igitambo cye, nuko aba umwicanyi wambere (1Yoh. 3:9-12; Itang. 4:8).

Nk'uko ari ukuri ko Umucunguzi yinjiye ahera cyane ho mu ijuru ajyanye amaraso ye nk'Umutambyi mukuru (Abaheburayo. 9 :11-14) akajyana amaraso y'isezerano rishya (Mariko 14 :24) ku meza y'impongano ikozwe muri zahabu nsa (Abaheburayo.9 :15-22 ; Kuva. 25 :17), niko ari ukuri ko ari we Muhuza w'Isezerano Rishya (1Tim. 2 :5). Intebe y'ubwami yo guca imanza, ahasohokaga ibihano mu Isezerano rya kera, yahindutse intebe y'ubwami y'imbabazi. Umugambi w'agakiza numara kurangira, nibwo intebe y'imbabazi izasubira kuba intebe yo guca imanza. Ibyo bizaba nk'uko bigaragara mu Kimenyetso cya gatandatu (Ibyahishuwe 6:12-17), ubwo izuba rizijima ukwezi kugahinduka nk'amaraso, ubwo "Umunsi w'Umwami", umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba uzaba usohoye (Yesaya. 13:9-16; Yoweri.2:31; Malaki 4:1; Ibyakozwe. 2:20; 2Petero 3:10; n'ahandi)

Pawulo yongera kwandika ati : « *Ninde uzarega intore z'Imana? Imana niyo izitsindishiriza!»* (Abaroma 8:33). Ninde uzabaciraho iteka? Hanyuma arondora n'ibindi byinshi bishobora kugera ku ntore, ndetse n'akaga no gutotezwa, hanyuma arangiza avuga ati: «*Ariko muri ibyo byose, turushishwaho kunesha n'uwadukunze. Kuko ntashidikanya ko yaba ari urupfu cyangwa ubugingo, yaba ari abamarayika*

cyangwa ibikomangoma, yaba ari ibiriho ubu cyangwa ibizaza, yaba ari imbaraga, ubuzamuke cyangwa umubande, cyangwa icyaremwe icyo ari cyo cyose, nta nakimwe gishobora kudutandukanya n'urukundo rw'Imana rwagaragariye muri Yesu Kristo Umwami wacu»(Abaroma 8:37-39).

Umugambi wose wo gucungura ushingiye ku rukundo rw'Imana. Yaradukunze, nuko natwe, nkabo yacunguye n'abakundwa be, dushobora natwe kumukunda no gukundana ubwacu mu rukundo Rwe (Yoh. 13 : 34-35).

Intore n'abagenwe kera isi itararemwa, nibo bazakorerwamo umurimo wa nyuma w'Imana. Icyabanje n'uko imbuto y'Ijambo ry'Imana yagombye kubibwa mu mitima yabo, kuko ariyo izagubwaho n'imvura ya nyuma (Hoseya 6 :3 ; Yoweri 2 :23-24 ; Zakariya 10 :1 ; Yakobo 5 :7). Imana yitaye kuri buri kintu. Kandi nk'uko yashoje umurimo wayo wo kurema, ni nako izasoza umurimo wayo wo gucungura. Amina. Amina.

Umwaka wa 2013

Mu kwezi kwa gatandatu 2013, bizaba bibaye imyaka mirongo inane uhereye igihe mwene Data Branham yabwiwe n'ijwi rikomeye ryavugiye mu gicu ndengakamere, ko ubutumwa yahawe buzabanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo.

Mu kwezi kwa gatatu 2013, nibwo imyaka mirongo itanu yuzuye,uhereye igihe mwene Data Branham yavuze mu bibwiriza binyuranye ku guhishurwa kw'ibimenyetso birindwi, nk'uko yari yabitegetswe n'Umwami. Tariki 28/2/1963, mwene Data Branham yari ku musozi witwa Sunset, mu ntara ya Arizona, muri Amerika, ubwo yatungurwaga no guhinda kurindwi kw'inkuba zikurikirana, kwashegeshe ako karere kwose. Kenshi yakunze kugaruka kuri uko guhinda kw'inkuba akakugereranya n'ibyanditswe mu Byahishuwe 10, akavugako bifitanye isano n'ibimenyetso hamwe no kwizera ko kuzamurwa.

Aho hantu niho yabonekewe n'abamarayika barindwi bari mu gicu ndengakamere kibengerana, bari bahagaze nk'abakoze ishusho y'umutemeri. Aho niho abamarayika barindwi bamubonekeye, bahagaze nk'abakoze ishusho y'umutemeri, mu gicu ndengakamere kibengerana. Uwa karindwi muri abo bamarayika, avugana nawe, amutegeka gusubira i Jefersonville kugirango abwirize ku bimenyetso birindwi. Niko yabigenje icyo gihe, abibwiriza guhera tariki 17 kugeza 24 z'ukwezi kwa gatatu 1963.

Kumenwa kw'ibimenyetso, kwazanye guhishurwa kw'amabanga yose, n'umugambi wose w'Imana ku bijyanye n'Itorero, na Isirayeli kandi muri rusange, bibwirizwa bishingiye ku byanditswe byera. Ikibabaje n'uko nta gihe higeze habaho insobanuro bwite z'abantu nk'uko bimeze muri iki gihe, abantu bisobanurira uko bishakiye ibyavuzwe n'umuhanuzi, bikaba byarazanye ibyerekezo byinshi n'inyigisho zinyuranye, byose babeshya ko ari « ubutumwa ». Bose bavuga ko bishingikiririje ku muhanuzi, nyamara insobanuro zabo zihariye nizo zishyirwa imbere, hatitawe na gato ku bivugwa na Bibilia.

Ese nta n'umwe ubona uburyo bongera ku Byanditswe kugira ngo babone uko bagera kubyo bita « guhishurirwa kwihariye » ? ariko se koko nta n'umwe muri bo utekereza ku magambo Umwami yavuze ku bongera ku magambo y'ubuhanuzi, ko « *Imana izabateza ibyago byanditse muri iki gitabo* » (Ibyah. 22 :18-19) ? Ntabwo bazaba bari mu ijuru, ahubwo bazaba bari hanze kandi bazagomba kugerwaho n'ibyago byo mu gihe cyo gutotezwa gukomeye.

Nk'urugero, umuntu ashobora kubaza ati ese muri Bibilia ni ibiki byanditswe ku guhinda kurindwi kw'inkuba ? Igisubizo ni : ntacyo, nta na kimwe. Ese jye, nk'umugaragu w'Imana yahamagariye kubwiriza Ijambo, mbivugaho iki ? Nta nakimwe. Ese ni ukubera iki ? Kuberako nubaha icyo Ijwi ryavugiye mu ijuri riti : « *Zigama ibyavuzwe no guhinda kurindwi kw'inkuba, ntubyandike* ! » (Ibyah. 10 : 4b). Ku bireba iyo ngingo iteza impaka nyinshi, ni ngombwa cyane kudafata ibyavuzwe mu myaka 1962/1963 gusa, ahubwo n'ibindi mwene Data Branham yabivuzeho nyuma yo kumenwa kw'ibimenyetso.

Mu kibwirizwa yise « Imana yihishura » cyo mu kwa gatandatu 1964, mwene Data Branham yaravuze ati : **« ariko murareba, icyo mvuze ni iki, nta jambo na rimwe rishobora kongerwaho, cyangwa kugabanywa ». Arambaza ati : « Nonese, uko guhinda kurindwi kw'inkuba kw'umvikanishije amajwi yako ntawe kuzahishurirwa ? » Ndasubiza nti : « Oya, ibyo byaba bibaye kwongeraho cyangwa kugira icyo ugabanya ku Ijambo ». Byose byahishuwe hano, kandi kumenwa kw'ibimenyetso kwerekanye iby'ari byo. Aracyari iri Jambo, murabyumvise ? Ntimushobora gusohoka muri iri Jambo. Umwuka w'imana ntabwo uzigera ureka iri Jambo. Azakomeza kugumana n'Ijambo rye… » (1Abakor. 4 :6).**

Hashize imyaka mirongo inane uhereye igihe havugiwe ko ubutumwa buzabanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo. Imyaka ibihumbi bibiri irashize uhereye igihe Umwami yatangiye isezerano ryo kugaruka kwe. Ndetse na Pawulo mu gihe cye yaranditse ati : « *Ntituzapfa twese ahubwo twese tuzahindurwa*… » (1Abakorinto 15 :51). Petero nawe yaravuze ati : « *Ntabwo Umwami atinda gusohoza isezerano, nk'uko bamwe babyibwira, ahubwo nimwe yihanganira, kugira ngo hatagira n'umwe urimbuka, ahubwo ashaka ko bose bagera ku kwihana* » (2Pet. 3 :9). Icyo Umwami yavuze kiracyafite agaciro na nubu : « *Nuko mube maso, kuko mutazi igihe Umwami wanyu azazira* » (Mat. 24 :42) kandi ati « *Mwirinde, mube maso kandi musenge, kuko mutazi igihe ibyo bizasohoreramo* » (Mariko 13 :33).

Dushobora gutegereza vuba cyane kugaruka kw'Umukwe wo mu ijuru, kuzaba uwanyuma namara guhamagarwa. Icya ngombwa ni uko tuba twiteguye. « *Niyo mpamvu bakundwa, mu gihe mugitegereje ibyo byose, muharanire kuzasangwa nawe nta kizinga kandi nta mugayo muri mu mahoro* » (2Pet. 3 :14).

Ubutumwa bwa nyuma bwageze ku mpera z'isi, buri mwaka ushobora kuba ariwo wa nyuma. Ku bwacu, icyerekezo twahawe n'ijambo ry'ubuhanuzi, ritagomba gusobanurwa uko umuntu yishakiye (2Petero1 :20), ni ikingirakamaro cyane. Dusoma mu Byanditswe ibyavuzwe kur'iki gihe cyacu tukabona byose bisohora. Ubu ikiriho, ni ugushyira buri kintu cyose ku bijyanye n'umugambi w'agakiza k'Imana mu mwanya wacyo neza, no kwiyoroshya ubwacu, natwe tukemera gushyirwa mu mwanya wacu neza.

Ibi mbivuze nshingiye ku ihame ko abemera ko batoranijwe kandi ko bagenwe n'Imana bose, bashobora kwizeza umutima wabo wose ibyo Imana irimo gukora ubu. Abandi bose nta kundi, ni ukwemera nabo icyo bagenewe, kuko basitara ku Ijambo ry'iki gihe kandi ntibemere ibyo imana ikora.

Ukuri kumwe gusa gufite agaciro imbere y'abagiriwe Ubuntu n'Imana, ni ukwanditswe mu Ijambo. Kandi abadafite uburyarya mu mitima yabo bazasobanukirwa byose mu buryo bwiza. Ntabwo nkeneye kugira icyo ngarukaho mubyo nabwirije cyangwa nanditse. Intore zose hamwe zizibonera isozwa ry'umurimo ndetse ku iherezo zizamurwe, nk'uko nabyeretswe mu kwezi kwa mbere 1981, ubwo nazamurwaga njyanwa mu ijuru, ndi hamwe n'abandi benshi bambaye ibyera.

Ndangirije kuri iri Jambo ry' intumwa Pawulo : « *Ariko jye sinitaye ku bugingo bwanjye, nkaho ari ubw'igiciro gikomeye ku bwanjye, mpfa gusa gusohoza urugendo rwanjye nezerewe, n'umurimo nahawe n'Umwami Yesu wo kubwiriza ubutumwa bwiza bw'Ubuntu bw'Imana… kuko nababwiye inama yose y'Imana, nta na kimwe nahishe* » (Ibyakozwe 20 :24+27). Ndashimira n'umutima wose intore n'abagenwe bose bo muri buri mugabane w'isi, kuko mukomeza kuba abiringirwa ku Mwami, ku Ijambo rye no ku Murimo We.

« *Nuko marayika arambwira ati : Andika : Hahirwa abatumiwe mu birori b'ubukwe bw'Umwana w'intama ! Nuko arambwira ati : Aya magambo n'amagambo y'ukuri y'Imana* » (Ibyah. 19 :9).

« *Kandi Umwuka n'Umugeni baravuga bati : Ngwino. Kandi uwumva nawe avuge ati : Ngwino. Ufite inyota naze ; ushaka wese, naze afate ku mazi y'ubugingo ku buntu* » (Ibyah. 22 :17).

Gutegereza mu nzego zose

Tariki 11/2/2013, papa Benedigito XVI yatunguye isi yose ubwo yatangazaga kwegura kwe, kwateye guhuza uburari kwinshi ku bijyanye n'umusimbura we.

« Agomba guharanira amahame yo kwizera, ariko akaba ari n'umuntu ushobora kumva iby'iterambere ry'abantu. Agomba gukora uko ashoboye kugirango arinde ubumwe bw'itorero rifite abayoboke miliyari 1,18 by'abagatorika, kandi agashinga kwizera mu bice birimo abantu banyuranye n'abadahuje umuco. Ntagomba kuba ashaje cyane, ariko agomba kwerekana ko afite ubunararibonye n'ubuhanga bwinshi. » uko niko umunyamakuru umwe yavuze mu magambo avunaguye ibyo abagatorika bategereje kuri papa mushya. Amadini y'abaporotesitanti yo, arifuza ko mbere na mbere aba umuntu « uteza imbere ubumwe bw'amadini (oecumenique) ».

Muri iki gihe, hariho amatorero n'amadini 349 y'abaporotesitanti, bafite abayoboke barenga miliyoni 560 mu bihugu 110, kandi bose bahuriye mu nama y'isi y'amadini. Papa Benedigito XVI, wubahwaga cyane n'isi yose, yahoraga akoresha amagambo akwiriye n'imirongo ya Bibilia ikwiriye kugirango « akomeze ubumwe bw'abakristo ». nk'urugero, yasomye amagambo y'intumwa Pawulo yo mu Befeso 4 :4-6, ahavugwa ukwizera kumwe n'umubatizo umwe. Benedigito XVI yavugaga ibyo « kwatura kw'umubatizo wacu wo kwizera Imana ». Nyamara, usomye yitonze ibyanditse muri

Bibilia, abona ko kwizera kumwe n'umubatizo umwe Pawulo avuga ntaho uhuriye no « kwatura kw'ukwizera ubutatu » n'« umubatizo w'ubutatu » nk'uko amatorero abyizera kandi abikora.

Papa Benedigito XVI yarongeye asoma Yohana 17:21; ahanditswe ngo: « … kugira ngo babe umwe », avuga ko ayo magambo ari ubumwe bw'amadini. Nyamara ayo magambo ya Yesu ntabwo avuga iby'ubumwe bw'abantu bari mu materaniro afite imyizerere itandukanye, ahubwo avuga ubumwe bw'abizera nyakuri hamwe na Yesu Umwami wacu, mu Ijambo rye.

Nyuma y'uko papa Yohana II, wakomokaga mu gihugu cya Polonye ariko akaba yaravugaga neza indimi z'ikidage n'ikirusiya, akoze umurimo ukomeye hamwe na Mikhaïl Gorbatchev (wari umukuru w'ibihugu byunze ubumwe b'Abasosiyalisiti n'Abasoviyiti) kugira ngo igihugu cy'Ubudadage (cyari cyaraciwemo kabiri nyuma y'intambara ya kabiri y'isi) cyongere gisubirane. Umurimo wo kwunga amadini yose niwo wahawe uwo papa w'umudage Benedigito XVI. Papa Yohana II yatumiye abakuriye amadini 12 yose akomeye ku isi ahitwa Asize mu Butaliyani ; papa Benedigito XVI we niwe wabaye papa wa mbere wahuye n'uhagarariye itorero ry'abaluteri, bahurira ahitwa Witemberg mu Budage, aho Luteri yatangirije ububyutse bw'ubugororozi.

mu mwaka wa 2017, hazaba isabukuru yo kwibuka imyaka 500 y'ubugororozi. Ariko hagati aho, « uruguma rwatewe n'ubugororozi » rugomba gukira kandi amadini kobwa yose agomba gusubira mu inda ya nyina, kugira ngo gutandukana birangire maze habone kuvuka icyo bita « ubumwe mu budasa » mu « itorero rimwe ».

Byaba ari mu madini, muri politiki cyangwa mu by'ubukungu, hose barifuza ubumwe. Ubudage bwunze ubumwe, Uburayi bwunze ubumwe, n'isi yose irimwo kwiyunga munsi y'umutwe umwe uzubahwa na bose.

Nyamara Itorero rya Yesu Kristo ryo ntabwo rirebwa n'ibyo byose. Abizera ba Bibilia ntabwo bahabwa ibyubahiro mur'iyi si. Nibo barebwa n'ibyo Umwami yavuze ati: *Nabahaye Ijambo ryawe none ab'isi barabanga, kuko batari ab'isi nk'uko nanjye ntari uw'isi »*(Yoh. 17:14). Bo, bunze ubumwe munsi y'Umutwe wabo, Yesu Kristo.

Mu mwaka wa 1993, ni ukuvuga ko hashize gusa imyaka 20, Vatikani isanzwe ihana abambasaderi n'ibindi bihugu, yemeye kandi igirana umubano ushingiye kuri za

ambasade na Leta ya Isirayeli. Papa niwe muntu wenyine ubonwa neza n'isi yose kandi wemerwa n'amadini yose n'ibihugu byose nk'umutegetsi.

Mu gihe cy'imyaka 18, imishyikirano yibanze cyane cyane ku bintu bitatu : uko kiriziya gatorika igomba gufatwa muri Isirayeli ; uko ahantu hatagatifu hagomba kugengwa hamwe n'imisoro n'ibikingi bya kiriziya gatorika mu gihugu gitagatifu (Isirayeli). Hari ahantu 21 hakomeye. Icy'ingenzi cyabibuzaga kugeza ubu, ni uko Isirayeri yangaga kurekura igenzurwa ry'ahari cya cyumba cyo hejuru, kiri ku musozi Siyoni. Ubu noneho Isirayeli yemeye guha kiriziya « akabanza gato » aho hantu, kandi yemerera papa umwanya w'icyubahiro mu cyumba cyo hejuru.

Ubu noneho ubwo ibikomeye byabibuzaga byamaze kubonerwa igisubizo, uherutse gutumwa guhagararira Vatikani muri Isirayeli, Arisheveki Giuseppe Lanzorotto, yagiranye amasezerano hamwe na minisitiri w'ububanyi n'amahanga wungirije wa Isirayeli Danny Ayalon. Ayo masezerano ashobora kuzashyirirwaho umukono i Vatikani mu kwezi kwa gatandatu 2013, ariyo azategura nta kabuza inzira iganisha ku masezerano areba iby'umusozi w'urusengero n'igice cyo mu Burasirazuba bwa Yerusalemu. Ayo masezerano azaba yemerwa n'abanyepalesitina, abisilamu, abayahudi n'abakirisitu, azaba agamije kugarura amahoro ategerejwe kuva kera mu ntara y'iburengerazuba bwo hagati, n'isi yose (1 Abates. 5 :3). Umuhanuzi Daniyeli, yahanuye mu gice cya 9 :27 ko « azagirana amasezerano na benshi kumara icyumweru… »

Papa mushya niwe uzagira umurimo wo kuyobora iyo mishyikirano y'amahoro, ibyo papa Benedigito XVI, nk'umudage wariho mu gihe cy'amarorerwa y'abanazi, atashoboye gukora. Uwakagombye kugira ingufu kuruta abandi yakagombye kuba papa ukomoka muri Amerika (USA), kuko ari ryo hanga ry'ikirangirire rizwi na bose, kugira ngo ahuze amadini yose kandi yumvikanishe abayahudi n'abisiramu ku miyoborere ya Yerusalemu. Iby'aribyo byose, ibigomba kuba bizaba.

Mwene Data Branham yavuze ko ayo masezerano azashyirwaho umukono hafi y'igihe cyo kuzamurwa kw'Itorero. Yabivuze atya : « **Mu gihe cya cyumweru cy'imyaka cya mirongo irindwi, gihwanye n'imyaka irindwi kizatangira, Itorero rizaba ryamaze kuzamurwa** » (6/8/1961). Ahandi yaravuze ati : « **Nyuma yo kuzamurwa kw'Itorero, Roma izagirana amasezerano n'abayahudi** » (18/3/1963). Ubuhanuzi bwa Bibilia burimo burasohorera mu maso yacu muri byose kandi no Kuri

Isirayeli ; dukwiye rero kw'ubura amaso yacu kuko gucungurwa kwacu kwegereje (Abaroma 8 :23 ; 1Abakor. 15 : 50-58 ; 1Abates.4 : 13-18 ; 1Yoh. 3 :1-3).
« *Nuko arambwira ati : ntufungishe ikimenyetso amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo. Kuko igihe kiri bugufi* » (Ibyah. 22 :10). « *Uhamiriza ibi aravuga ati : Yego, ndaza vuba. Amina ! Ngwino Mwami Yesu !* » (Ibyah. 22 :20).

Ukora atumwe n'imana.



Ingendo z'ivugabutumwa

Uyu mwaka nawo watangiranye n'urugendo rurerure, mu gihugu cy'Ubuhindi. Nakozwe ku mutima n'iteraniro ry'umugisha ryabereye ahitwa Chennai, ubwo mwene Data Swamy yanfashe amaboko akambwirana ishimwe ko yanyumvise mbwiriza ubwa mbere mu mwaka wa 1964. Ubu afite imyaka 92, ntiyumvaga ukuntu naba ngishobora gukora ingendo. Ahitwa Hyderabad na New-Delhi, bene Data na bashiki bacu baje mu materaniro nyuma yo gukora ingendo z'amagana y'ibirometero. Mwene Data Branham niwe wandangiye muri 1962, umuvuga butumwa uzwi neza mu gihugu cy'Ubuhindi. Ubu bwari ubwa 24 njya mu Buhindi, uhereye igihe nagiyeyo bwa mbere mu mwaka wa 1964. Muri icyo gihe, igihugu cyose cyagezweho n'ivugabutumwa uhereye ku mpera yacyo yo mu majyaruguru ukageza ku mpera yo mu majyepfo. Kandi si mu Buhindi gusa, ariko ni no mu bindi bihugu byose byo muri Aziya no mu ntara y'Iburasirazuba ya kure, Imana yahakoze ibikomeye. Ndetse no muri Mongoliya vuba aha. Ariko nta kuntu twarondora byose bibera muri ibyo bihugu no ku mugabane wa Afurika no mu zindi mpande z'isi.
Koko, amahanga yose n'amoko yose yahawe umugisha muri Yesu Kristo, nk'uko Uwiteka yabisezeranije Aburahamu (Abagal 3 :14). Tuzi neza ko ari umuhamagaro wa nyuma urimo kumvikana, kugira ngo n'uwa nyuma nawe ashobore guhamagarwa. Imana nibishaka, tuzagira amateraniro akurikira mu kwezi kwa kane :

- Kuwa gatandatu,tariki 13/4/2013 saa munani i Bruxelles
Hotel THON

Av.du Boulevard 17
1210 Bruxelles
-Ku cyumweru,tariki 14/4/2013 saa munani n'igice i Paris
Salle le Diamant Vert
58, Rue Clément Matheron
95 190 Goussainville

Amashusho abiri hamwe na bene Data na bashiki bacu bo mu Buhindi.

Niba mukeneye kohererezwa ubitabo twandika (brochures), mushobora kutwandikira ahakurikira :
Mission Center of the Spoken Word
B.P 3325 Kigali - Rwanda
Telephone : +250 788467723, +250 788415835

mushobora no gukurikira amateraniro yacu ya buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi, mukoresheje umuyoboro wa interineti. Ku wa gatandatu ni sa moya n'igice nimugoroba, naho ku cyumweru ni saa ine za mugitondo. Ayo materaniro asakazwa mu isi yose mu ndimi 13 zinyuranye. Nimugire umugabane mu byo Imana irimo gukora ubu bijyanye n'umugambi wayo w'agakiza !
Page web : http://www.freie-volksmission.de/?lang=3&site=news
E-mail: volksmission@gmx.de ou
E.Frank@freie-volksmission.de
・: 0049-2151/545151
Fax : 0049-2151/951293